**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA**
**<u>GASABO</u>**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2022, umunsi wa 25 ukwezi kwa Nyakanga;

Twebwe KWIZERA Jocelyne, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo NZAYISENGA Aaron ;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa BIZIMANA David mwene BIZIMANA Emmanuel na MUKANSINDA Berancile, wavutse ......., utuye mu Mudugudu wa Rwintenderi, Akagari ka Kagasa, Umurenge wa Mwogo, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo Gusambanya umwana, icyaha giteganywa kandi kihanishwa n'ingingo ya 133 y'itegeko nº 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryavuguruwe mu ngingo ya 4 y'itegeko ngenga no 69/2019 ryo ku wa 08/11/2019;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 01094/IPRL GASA/2020/FM/FN kigeze mu Rukiko gihabwa nº RP00640/2020/TGI/GSBO ;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 25/07/2022 saa mbiri za mu gitondo ariko **BIZIMANA David** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 y'iryo tegeko iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **BIZIMANA David** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **<u>17/11/2022 saa mbiri za mu gitondo (8h00)</u>**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari ;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa ku rubuga rw'Ubutegetsi bw'Ubucamanza (<u>www.judiciary.gov.rw</u>) no ku mbuga nkoranyambaga z'ubucamanza arizo: @RwandaJudiciary (tweeter) na Supreme Court of Rwanda (facebook).

URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO

**NZAYISENGA Aaron**
**UMWANDITSI**

**KWIZERA Jocelyne**
**UMUCAMANZA**